

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 016/11.30 RYO KU WA 06/11/2017 RIGENA IBISABWA MU KWEMERERA UWASABYE GUKORESHA UBWOKO BW'IGIHINGWA BURINZWE RIKANAGENA IBISHINGIRWAHO MU KUGENA IKIGUZI GIKWIYE</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 016/11.30 OF 06/11/2017 DETERMINING REQUIREMENTS FOR AUTHORIZING AN APPLICANT TO USE A PROTECTED PLANT VARIETY AND REQUIREMENTS FOR DEFINING FAIR RENUMERATION</p>	<p>ARRETE MINISTERIEL N° 016/11.30 DU 06/11/2017 DETERMINANT LES CONDITIONS REQUISES POUR AUTORISER UN REQUERANT D'UTILISER UNE VARIETE VEGETALE PROTEGEE AINSI QUE LES CONDITIONS POUR FIXER UNE JUSTE RENUMERATION</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIERES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p>	<p><u>Article One:</u> Purpose of the Order</p>	<p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro by'amagambo</p>	<p><u>Article 2:</u> Definitions</p>	<p><u>Article 2:</u> Définitions</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Ibisabwa kugira ngo hatangwe uruhushya rwo gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe</p>	<p><u>Article 3:</u> Requirements to be granted an exploitation license for the use of a protected plant variety</p>	<p><u>Article 3:</u> Conditions requises pour obtenir une licence d'exploitation pour l'utilisation d'une variété végétale protégée</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Ibisabwa kugira ngo hatangwe uruhushya rutegetswe rwo gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe</p>	<p><u>Article 4:</u> Requirements for the grant of a compulsory license to use a protected plant variety</p>	<p><u>Article 4:</u> Conditions requises pour l'octroi d'une licence obligatoire d'utilisation d'une variété végétale protégée</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Ibisabwa mu gutanga uruhushya rutegetswe rubusanyije</p>	<p><u>Article 5:</u> Requirements to be granted a compulsory cross-license</p>	<p><u>Article 5:</u> Conditions requises pour obtenir une licence croisée obligatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Igihe impushya zimara</p>	<p><u>Article 6:</u> Time limit of licenses</p>	<p><u>Article 6:</u> Délai des licences</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Ibisabwa mu kugena ikiguzi gikwiye</p>	<p><u>Article 7:</u> Requirements to determine fair remuneration</p>	<p><u>Article 7:</u> Conditions pour une juste rémunération</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Ububasha bwo kugena ikiguzi gikwiye</p>	<p><u>Article 8:</u> Powers to determine fair remuneration</p>	<p><u>Article 8:</u> Pouvoirs de fixer la juste rémunération</p>

<p><u>Ingingo ya 9:</u> Kwamburwa uruhushya rutegetswe cyangwa uruhushya rutegetswe rubusanyije</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 9:</u> Withdrawal of a compulsory license or a compulsory cross-license</p> <p><u>Article 10:</u> Repealing provision</p> <p><u>Article 11:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 9:</u> Retrait de licence obligatoire ou de licence croisée obligatoire</p> <p><u>Article 10:</u> Disposition abrogatoire</p> <p><u>Article 11:</u> Entrée en vigueur</p>
---	---	--

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 016/11.30 RYO KU WA 06/11/2017 RIGENA IBISABWA MU KWEMERERA UWASABYE GUKORESHA UBWOKO BW'IGIHINGWA BURINZWE RIKANAGENA IBISHINGIRWAHO MU KUGENA IKIGUZI GIKWIYE</p> <p>Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'ya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 005/ 2016 ryo ku wa 05/04/2016 rigenga imbuto n'amoko y'ibihingwa mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 43;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 04/10/2017, imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p> <p><u>Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena ibishingirwaho mu kwemerera uwasabye gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe. Rigena kandi ibishingirwaho mu kugena ikiguzi gikwiye.</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 016/11.30 OF 06/11/2017 DETERMINING REQUIREMENTS FOR AUTHORISING AN APPLICANT TO USE A PROTECTED PLANT VARIETY AND REQUIREMENTS FOR DEFINING FAIR REMUNERATION</p> <p>The Minister of Agriculture and Animal Resources;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 005/2016 of 05/04/ 2016 governing seeds and plant varieties in Rwanda, especially in Article 43;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet in its session of 04/10/2017;</p> <p>HEREBY ORDERS:</p> <p><u>Article One: Purpose of the Order</u></p> <p>This Order determines requirements for authorising an applicant to use a protected plant variety. It also determines requirements for defining fair remuneration.</p>	<p>ARRETE MINISTERIEL N° 016/11.30 DU 06/11/2017 DETERMINANT LES CONDITIONS REQUISES POUR AUTORISER UN REQUERANT D'UTILISER UNE VARIETE VEGETALE PROTEGEE AINSI QUE LES CONDITIONS POUR FIXER UNE JUSTE REMUNERATION</p> <p>Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales,</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 005/2016 du 05/04/2016 relative aux semences et les variétés végétales au Rwanda, spécialement en son article 43;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 04/10/2017;</p> <p>ARRETE:</p> <p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine les conditions requises pour autoriser un requérant d'utiliser une variété végétale protégée. Il détermine également les conditions pour fixer une juste rémunération.</p>
---	--	---

<u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u>	<u>Article 2: Definitions</u>	<u>Article 2: Définitions</u>
<p>Muri iri teka amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p> <p>1° impamyabuvumbuzi: icyemezo gitangwa mu rwego rwo kurengera igihangano cy'ubuvumbuzi;</p> <p>2° ingurane ikwiye: icyo umuntu wese wifuzaga gukoresha icyavumbuwe cyangwa ubwoko bw'igihingwa burinzwe hagamijwe inyungu aha nyir'impamyabuvumbuzi cyangwa nyir'ubwoko bw'igihingwa burinzwe;</p> <p>3° uruhushya rudasesuye: uruhushya rwo gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe rutanzwe n'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa rugahabwa umuntu umwe gusa;</p> <p>4° uruhushya rusesuye: uruhushya rwo gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe rutanzwe n'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa rugahabwa abantu benshi;</p> <p>5° uruhushya rutegetswe: uburenganzira bwo gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe butangwa na Ministiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze, igihe hatabayeho ubwumvikane hagati y'ufite uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa n'ubusaba, kandi</p>	<p>For the purpose of this Order, the following terms have the following meanings:</p> <p>1° patent: a title issued to protect an invention;</p> <p>2° royalties: the payment made to the owner of a patent or the holder of plant breeders' rights, by any person interested in commercializing the patented invention or protected plant variety;</p> <p>3° exclusive license: a license granted to only one person by a plant breeder's right to use a protected plant variety;</p> <p>4° non-exclusive license: a license given by the breeder to several persons to use the protected plant variety;</p> <p>5° compulsory license: authorisation to use a protected plant variety issued by the Minister in charge of agriculture if there is no agreement between the holder of the plant breeder's right and the interested party, while the plant variety is considered to be of public importance in terms of</p>	<p>Au sens du présent arrêté, les termes suivants ont les significations suivantes:</p> <p>1° brevet: titre délivré pour protéger une invention;</p> <p>2° redevances: le paiement fait au propriétaire d'un brevet ou au titulaire des droits d'obtenteur par toute personne intéressée dans la commercialisation d'une invention brevetée ou d'une variété végétale protégée;</p> <p>3° licence exclusive: une licence accordée à une seule personne par l'obtenteur d'une variété végétale pour utiliser la variété végétale protégée;</p> <p>4° licence non exclusive: une licence accordée par l'obtenteur à plusieurs personnes pour utiliser la variété végétale protégée;</p> <p>5° licence obligatoire: l'autorisation d'utiliser une variété végétale protégée délivrée par le Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions s'il n'y a pas d'entente entre le titulaire du droit d'obtenteur d'une variété végétale et l'intéressé, alors que la variété végétale est considérée comme</p>

<p>ubwo bwoko bw'igihingwa bukaba bufite akamaro ku mibereho y'abaturage, umutekano w'Igihugu cyangwa kurinda ibidukikije;</p> <p>6° uruhushya rutegetswe rubusanyije: uruhushya rutangwa na Minisitiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze, akaruha umushakashatsi ukora ubwoko bw'ibihingwa burinzwe, igihe adashobora gukoresha hagamijwe inyungu ubwoko bw'igihingwa burinzwe yakoze , kubera ko harimo icyavumbuwe n'undi mushakashatsi cyatangiwe impamyabuvumbuzi kandi nyiracyo akaba adafite ubushake bwo gutanga uburenganzira bwo kugikoresha. Iyo umushakashatsi ahawe bene urwo ruhushya, nyir'icyo cyavumbuwe kirinzwe na we agira uburenganzira bwo gukoresha ubwo bwoko bw'igihingwa burimo icyo cyavumbuwe, kandi bombi bakaba bemerewe kububyaza umusaruro hagamijwe inyungu mu buryo bwisanzuye;</p> <p>7° uruhushya rwo gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe: uruhushya rutanze n'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa akaruha umuntu uwo ari we wese urusabye hashingiwe ku byo bumvikanyeho bigaragazwa mu masezerano ajyanye n'urwo ruhushya.</p>	<p>social welfare, national security or environmental protection;</p> <p>6° compulsory cross-license: a license issued by the Minister in charge of Agriculture to the breeder of a protected plant variety, when he/she is unable to commercialise his/her plant variety, because a patented invention has been incorporated into his/her protected plant variety, and the owner of the patent is not willing to give that permission. When a breeder is issued such a license, the owner of the patented invention also has the permission to use the protected plant variety of the breeder with the incorporated invention, and they are both licensed to commercialize the plant variety independently;</p> <p>7° exploitation license: a license given by the breeder to an interested party upon request and on agreed terms and conditions, as are specified in the license agreement;</p>	<p>ayant une importance publique en termes de bien- être social, de sécurité nationale ou de protection de l'environnement;</p> <p>6° licence croisée obligatoire: une licence délivrée par le Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions à l'obteneur d'une variété végétale protégée lorsqu'il est incapable de commercialiser sa variété végétale parce qu'une invention brevetée a été incorporée dans sa variété protégée et que le titulaire du brevet n'est pas disposé à donner l'autorisation. Lorsque l'obteneur reçoit une telle licence, le propriétaire de l'invention brevetée a également la permission d'utiliser la variété végétale protégée de l'obteneur dans laquelle l'invention a été incorporée, et ils sont tous les deux autorisés à commercialiser la variété végétale de façon indépendante;</p> <p>7° licence d'exploitation: une licence délivrée par l'obteneur à une partie intéressée sur demande et selon les modalités et les conditions convenues, telles que spécifiées dans le contrat de licence;</p>
---	--	--

<p>Ingingo ya 3: Ibisabwa kugira ngo hatangwe uruhushya rwo gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe</p> <p>Umuntu we wese wifuza gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe, asaba ufite uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa bakumvikana ku bisabwa kugira ngo abone uburenganzira bwo gukoresha ubwo bwoko bw'igihingwa burinzwe.</p> <p>Mu bisabwa harimo:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° ibikorwa byemewe bijyanye no kubyaza umusaruro ubwoko by'igihingwa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 43 y'itegeko rigenga imbuto n'amoko y'ibihingwa mu Rwanda; 2° ibigaragaza niba ari uruhushya rusesuye cyangwa uruhushya rudasesuye; 3° igihe urwo ruhushya rumara; 4° ingano y'ingurane ikwiye igomba gutangwa; 5° uburyo ingurane ikwiye itangwamo. <p>Icyakora, iyo hatabayeho ubwumvikane hagati y'ufite uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa n'ubusaba, kandi ubwo bwoko bw'igihingwa burinzwe bukaba bufite akamaro ku mibereho myiza y'abaturage, umutekano w'Igihugu cyangwa kurengera ibidukikije, uwifuza ubwo burenganzira ashobora kwandikira</p>	<p>Article 3: Requirements to be granted an exploitation license for the use of a protected plant variety</p> <p>Any person interested in the use of the protected plant variety requests and discusses the terms of use of that plant variety with the holder of the plant breeder's right.</p> <p>These terms include:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° the acts of exploitation to be allowed as per Article 43 of the Law governing seed and plant varieties in Rwanda; 2° specification on whether it is an exclusive license or non-exclusive license; 3° the period of the license exploitation; 4° the amount of royalties to be paid; 5° mode of payment of royalties. <p>However, if there is no agreement between the holder of the plant breeder's right and the interested party, while the protected plant variety is considered to be of public importance in terms of social welfare, national security or environmental protection, the interested party may apply to the Minister in charge of agriculture</p>	<p>Article 3: Conditions requises pour obtenir une licence d'exploitation pour l'utilisation d'une variété végétale protégée</p> <p>Toute personne intéressée par l'utilisation d'une variété végétale protégée demande et discute les conditions d'exploitation de cette variété végétale avec le titulaire du droit d'obtenteur de la variété végétale.</p> <p>Les conditions comprennent:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° les actes d'exploitation autorisés conformément à l'article 43 de la loi régissant les semences et les variétés végétales au Rwanda; 2° les spécifications d'une catégorie de licence, si elle est une licence exclusive ou non exclusive; 3° la période d'exploitation de la licence; 4° le montant des redevances à verser; 5° mode de paiement des redevances. <p>Toutefois, s'il n'y a pas d'accord entre le titulaire du droit d'obtenteur et l'intéressé, et la variété végétale est considérée comme étant d'importance publique en termes de bien-être social, de sécurité nationale ou de protection de l'environnement, l'intéressé peut s'adresser au Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions par</p>
---	---	--

<p>Ministiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze, abinyujije ku Mwanditsi w'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa, asaba gukoresha ubwo bwoko bw'igihingwa burinzwe.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Ibisabwa kugira ngo hatangwe uruhushya rutegetswe rwo gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe</u></p> <p>Kugira ngo hatangwe uruhushya rutegetswe rwo gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe, usaba agomba:</p> <p>1° gutanga gihamya ko ubwo bwoko bw'igihingwa bufite akamaro nk'uko biteganywa mu ngingo ya 43 y'itegeko rigenga imbuto n'amoko y'ibihingwa mu Rwanda;</p> <p>2° gusaba mu nyandiko uruhushya rutegetswe Minisitiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze, binyujijwe ku Mwanditsi w'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa;</p> <p>3° gutanga gihamya yanditse ko ufite uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa yanze cyangwa akaba adafite ubushake bwo guha ubwo burenganzira ubusaba mu nzira ziboneye ku byerekeranye n'ingurane ikwiye igomba gutangwa, cyangwa igihe urwo ruhushya rugomba kumara;</p>	<p>through the Registrar of plant breeders' rights for authorization to use the protected plant variety.</p> <p><u>Article 4: Requirements for the grant of a compulsory license to use a protected plant variety</u></p> <p>To be granted a compulsory license to use a protected plant variety, the applicant must:</p> <p>1° provide evidence that the plant variety is important in regard to the issues under Article 43 of the Law governing seeds and plant varieties in Rwanda;</p> <p>2° apply for the compulsory license, in writing, to the Minister in charge of agriculture through the Registrar of breeders' rights;</p> <p>3° provide documented evidence that the holder of the plant breeder's rights has refused to issue the applicant a license or is not willing to issue it under reasonable conditions with respect to the amount of fees to be paid or duration of the license;</p>	<p>l'intermédiaire du Registraire du droits d'obtenteur pour demander l'autorisation d'utiliser la variété végétale protégée.</p> <p><u>Article 4: Conditions requises pour l'octroi d'une licence obligatoire d'utilisation d'une variété végétale protégée</u></p> <p>Pour être accordé une licence obligatoire d'utiliser une variété végétale protégée, le demandeur doit:</p> <p>1° fournir la preuve que la variété végétale est importante conformément aux exigences de l'article 43 de la loi régissant les semences et les variétés végétales au Rwanda ;</p> <p>2° adresser une demande écrite au Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions via le Registraire des droits d'obtenteur pour l'obtention d'une licence obligatoire;</p> <p>3° fournir des preuves documentées attestant que le détenteur des droits d'obtenteur a refusé de délivrer une licence au demandeur ou n'est pas disposé à le délivrer dans des conditions raisonnables en ce qui concerne le montant des droits à payer ou la durée du permis;</p>
--	---	--

<p>4° kwerekana gihamya ko afite ubushobozi mu byerekeye tekini n'ubw'amikoro mu kubyaza umusaruro ubwo burengazira bwo gukoresha ubwoko bw'igihingwa burizwe;</p> <p>5° kwerekana gihamya mu nyandiko ko harimo intera y'imyaka irenga itatu (3) nyuma y'igihe uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa bwatangiyeho n'igihe uruhushya rutegetswe kuri ubwo burenganzira rusabiweho;</p> <p>6° kugaragaza gihamya ko yishyuye kuri konti yabugenewe y'ibiro by'Umwanditsi w'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa, amafaranga asabwa ku itangwa ry'uruhushya rutegetswe nk'uko bigenwa na Minisitiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze.</p> <p>Ufite uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa, agomba guha uwahawe uruhushya rutegetswe igipimo gihagije cy'imbutu kijyanye no gukwirakwiza cyangwa gutubura kugira ngo akoreshe uruhushya rutegetswe rwo gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe yahawe ku buryo bukwiye.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Ibisabwa mu gutanga uruhushya rutegetswe rubusanyije</u></p> <p>Kugira ngo ahabwe uruhushya rutegetswe rubusanyije rwo gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe, usaba agomba:</p>	<p>4° show evidence that he/she is technically and financially able to exploit the right to use a protected plant variety;</p> <p>5° provide written evidence that more than three (3) years have elapsed between the date of granting of the plant breeder's rights and the date of application for the issuance of the compulsory license;</p> <p>6° provide proof of payment to a reserved account of the office of the Registrar of plant breeder's rights the prescribed fees for application for a compulsory license as determined by the Minister in charge of agriculture.</p> <p>The holder of the breeder's rights must make available to the beneficiary of the compulsory license sufficient quantity of the relevant reproduction or propagating material necessary for the use of the compulsory license.</p> <p><u>Article 5: Requirements to be granted a compulsory cross-license</u></p> <p>To be granted a compulsory cross license to use a protected plant variety, the applicant must:</p>	<p>4° prouver sa capacité technique et financière à exploiter la licence d'utilisation d'une variété végétale protégée;</p> <p>5° fournir la preuve écrite que plus de trois (3) ans se sont écoulés entre la date d'octroi des droits d'obteneur et la date de la demande de délivrance de la licence obligatoire;</p> <p>6° fournir la preuve de paiement des frais prescrits versés à un compte réservé du bureau du Registraire des droits d'obteneur pour la demande de licence obligatoire tel que déterminé par le Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions.</p> <p>Le titulaire du droit d'obteneur doit mettre à la disposition du bénéficiaire de la licence obligatoire une quantité suffisante des matériels de reproduction ou de multiplication nécessaires à l'utilisation de la licence obligatoire.</p> <p><u>Article 5: Conditions requises pour obtenir une licence croisée obligatoire</u></p> <p>Pour obtenir une licence croisée obligatoire d'utiliser une variété végétale protégée, le demandeur doit:</p>
---	--	--

<p>1° kurusaba mu nyandiko Minisitiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze, abinyujije ku Mwanditsi w'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa;</p> <p>2° gutanga gihamya cy'irindwa ry'ubwoko bw'igihingwa bwe n'icy'uko muri ubwo bwoko bw'igihingwa hashyizwemo icyavumbuwe n'undi mushakashatsi cyatangiwe impamyabuvumbuzi;</p> <p>3° kwerekana ko hatabayeho ubwumvikane hagati y'uwakoze ubwo bwoko bw'igihingwa na nyir'impamyabuvumbuzi ku ikoreshwa ry'ubwo bwoko bw'igihingwa;</p> <p>4° kugaragaza ko ubwo bwoko bw'igihingwa bufite akamaro nk'uko biteganywa mu ngingo ya 43 y'itegeko rigenga imbuto n'amoko y'ibihingwa mu Rwanda;</p> <p>5° kwerekana ko afite ubushobozi mu byerekeye tekini n'ubw'amikoro mu kubyaza umusaruro ubwo bwoko bw'igihingwa burizwe.</p> <p>Iyo uruhushya rutegetswe rubusanyije rutanzwe, uwahawe impamyabuvumbuzi agomba kwemererwa gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe hagendewe ku bisabwa bikwiye nk'uko byagenwe na Minisitiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze abigiriweho inama n'Umwandisi</p>	<p>1° apply, in writing, to the Minister in charge of agriculture through the Registrar of plant breeder's rights for a compulsory-cross license;</p> <p>2° provide proof of protection of his/her plant variety and that a patented invention has been incorporated within the protected plant variety in question;</p> <p>3° provide evidence that there has been no agreement on the utilization of the plant variety with the patent holder;</p> <p>4° show that the plant variety in question is important in regard to the issues under Article 43 of the Law governing seeds and plant varieties in Rwanda;</p> <p>5° show that he/she is technically and financially able to exploit the protected plant variety.</p> <p>When a compulsory cross-license is granted, the holder of the patent is also allowed to use the protected plant variety under similar reasonable conditions as determined by the Minister in charge of agriculture on advice by the Registrar of plant</p>	<p>1° faire une demande écrite au Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions, par l'intermédiaire du Registraire des droits d'obtenteur, d'octroi d'une licence croisée obligatoire</p> <p>2° fournir une preuve de la protection de sa variété végétale et de l'incorporation d'une invention brevetée dans la variété végétale protégée en question;</p> <p>3° fournir la preuve qu'il n'y a pas eu d'accord sur l'utilisation de la variété végétale avec le titulaire du brevet ;</p> <p>4° démontrer que la variété végétale en question est importante conformément aux dispositions de l'article 43 de la loi régissant les semences et les variétés végétales au Rwanda.</p> <p>5° démontrer qu'il est techniquement et financièrement capable d'exploiter la variété végétale protégée.</p> <p>Lorsqu'une licence croisée obligatoire est accordée, le titulaire du brevet est également autorisé à utiliser la variété végétale protégée dans des conditions raisonnables semblables, déterminées par le Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions sur avis du Registraire des droits</p>
---	---	--

<p>w'Uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa mu gihe cyose ubwo bwoko bw'igihingwa burinzwe busigaje.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Igihe impushya zimara</u></p> <p>Igihe uruhushya rwo gukoresha ubwoko bw'igihingwa burinzwe rumara kigenwa kandi kikumvikanwaho hagati ya nyir'ubwoko bw'igihingwa burinzwe n'uwifuza kubukoresha.</p> <p>Umwanditsi w'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa ashyiraho kandi akagira inama Minisitiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze ku birebana n'igihe uruhushya rutegetswe rumara kitagomba kurenga imyaka ine (4) ariko gishobora kongerwa igihe bibaye ngombwa kandi igihe cyose ibyashingiweho rutangwa bigihari.</p> <p>Uruhushya rutegetswe rubusanyije rukomeza kugira agaciro igihe cyose impamyabuvumbuzi itahindutse kandi amabwiriza arebana na rwo yashyizweho na Minisitiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze acyubahirijwe.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Ibisabwa mu kugena ikiguzi gikwiye</u></p> <p>Kugira ngo hagenwe ikiguzi gikwiye, hashingirwa kuri ibi bikurikira:</p> <p>1° agaciro mu by'ubukungu ku bwoko bw'igihingwa kirinzwe cyangwa icyavumbuwe;</p>	<p>breeders' rights for the period during which that plant variety remains protected.</p> <p><u>Article 6: Time limit of licenses</u></p> <p>The time limit for the exploitation license is determined and agreed upon by the owner of the protected plant variety and the one interested in exploiting the protected plant variety.</p> <p>The Registrar of plant breeder's rights sets and advises the Minister in charge of agriculture on the time limit of the compulsory license which may not exceed four (4) years and may be extended when deemed appropriate as long as the conditions that necessitated the compulsory license still persist.</p> <p>A compulsory cross-license remains in place as long as the plant variety protection and the patent are still valid and the conditions imposed by the Minister in charge of agriculture are not violated.</p> <p><u>Article 7: Requirements to determine fair remuneration</u></p> <p>To determine fair remuneration, the following requirements are considered:</p> <p>1° the economic value of the protected plant variety or invention;</p>	<p>d'obtenteur de variété végétale, pour la période pendant laquelle la variété végétale reste protégée.</p> <p><u>Article 6: Délai des licences</u></p> <p>Le délai pour la licence d'exploitation est déterminé et convenu entre le propriétaire de la variété végétale protégée et la personne intéressée par l'exploitation de la variété végétale protégée.</p> <p>Le Registraire des droits d'obtenteur fixe et conseille le Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions sur le délai de la licence obligatoire qui ne peut pas excéder quatre (4) ans et qui peut être prorogé s'il le juge opportun tant que les conditions qui ont rendu nécessaire la licence obligatoire persistent.</p> <p>Une licence croisée obligatoire reste en place tant que la protection de la variété végétale et le brevet sont toujours valides et que la condition imposée par le Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions n'est pas violée.</p> <p><u>Article 7: Conditions pour une juste rémunération</u></p> <p>Pour déterminer une juste rémunération, les conditions suivantes sont considérées:</p> <p>1° la valeur économique de la variété végétale protégée ou de l'invention;</p>
--	---	---

<p>2° ikiguzi cy'ikorwa cy'ubwo bwoko bw'igihingwa kirinzwe cyangwa icy'icyavumbuwe cyatwaye;</p> <p>3° igihe kubyaza umusaruro ubwoko bw'igihingwa kirinzwe bizamara;</p> <p>4° ikiguzi cyo kubyaza inyungu ubwoko bw'igihingwa kirinzwe.</p> <p>Kugira ngo hatangwe ikiguzi gikwiye, ibi bikurikira bigomba kugaragazwa:</p> <p>1° kopi y'icyemezo cy'itangwa ry'uruhushya rutegetswe;</p> <p>2° inyandiko iriho umukono wa Minisitiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze igaragaza neza amabwiriza arebana n'itangwa ry'uruhushya rutegetswe nk'uko bivugwa mu ngingo ya 4 y'iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Ububasha bwo kugena ikiguzi gikwiye</u></p> <p>Minisitiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze, agendeye ku nama yahawe n'Umwanditsi w'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa, ashyiraho ikiguzi gikwiye, uwahawe uruhushya rutegetswe aha ufite uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa.</p>	<p>2° the cost of development of the protected plant variety or invention;</p> <p>3° the period of time for the exploitation of the protected plant variety;</p> <p>4° the cost to commercialize the protected plant variety.</p> <p>To be granted fair remuneration, the following are required:</p> <p>1° a copy of the grant of compulsory license;</p> <p>2° a signed document from the Minister in charge of agriculture detailing the conditions of the grant of the compulsory license as stated in Article 4 of this Order.</p> <p><u>Article 8: Powers to determine fair remuneration</u></p> <p>The Minister in charge of agriculture, upon advice provided by the Registrar for plant breeder's rights, sets the fair remuneration that the beneficiary of a compulsory license provides to the holder of the plant breeder's right.</p>	<p>2° le coût de développement de la variété végétale protégée ou de l'invention;</p> <p>3° le délai d'exploitation de la variété végétale protégée;</p> <p>4° le coût de commercialisation de la variété végétale protégée.</p> <p>Pour bénéficier d'une juste rémunération, il faut fournir:</p> <p>1° une copie de l'octroi de la licence obligatoire;</p> <p>2° un document signé par le Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions détaillant les conditions d'octroi d'une licence obligatoire comme indiqué à l'article 4 du présent arrêté.</p> <p><u>Article 8: Pouvoirs de fixer la juste rémunération</u></p> <p>Le Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions, sur avis donné par le Registrare des droits d'obteneur, fixe la juste rémunération que le bénéficiaire d'une licence obligatoire doit fournir au titulaire du droit d'obteneur.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 8: Kwamburwa uruhushya rutegetswe cyangwa uruhushya rutegetswe rubusanyije</u></p> <p>Uruhushya rutegetswe rushobora kwamburwa uwaruhawe mu gihe atacyuzuzwa bimwe mu bikubiye mu mabwiriza arebana n'urwo uruhushya yashyizweho na Minisitiri ufite ubuhinzi mu nshingano ze igihe rwatangwaga.</p> <p>Uruhushya rutegetswe rubusanyije rushobora kwamburwa uwaruhawe mu gihe ubwoko bw'igihingwa burinzwe cyangwa impamyabuvumbuzi ku cyavumbuwe cyakoreshejwe muri ubwo bwoko bw'igihingwa burinzwe imaze guseswa cyangwa yateshejwe agaciro.</p> <p><u>Ingingo ya 10: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></p> <p>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 11: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 9: Withdrawal of a compulsory license or a compulsory cross-license</u></p> <p>The compulsory license may be withdrawn if the beneficiary infringes any of the conditions imposed when it was granted by the Minister in charge of agriculture.</p> <p>The compulsory cross-license may be withdrawn if either the protection of the plant variety or the patent of the invention within the plant variety in question has been cancelled or nullified.</p> <p><u>Article 10: Repealing provision</u></p> <p>All prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 11: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 9: Retrait de licence obligatoire ou de licence croisée obligatoire</u></p> <p>La licence obligatoire peut être retirée si le bénéficiaire enfreint l'une des conditions imposées par le Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions.</p> <p>La licence croisée obligatoire peut être retirée si la protection de la variété végétale ou du brevet de l'invention utilisée dans la variété végétale en question a été annulée.</p> <p><u>Article 10: Disposition abrogatoire</u></p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p> <p><u>Article 11: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	---	---

Official Gazette n° 46 of 13/11/2017

<p>Kigali, ku wa 06/11/2017</p> <p>(sé) Dr. MUKESHIMANA Gerardine Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi</p>	<p>Kigali, on 06/11/2017</p> <p>(sé) Dr. MUKESHIMANA Gerardine Minister of Agriculture and Animal Resources</p>	<p>Kigali, le 06/11/2017</p> <p>(sé) Dr. MUKESHIMANA Gerardine Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales</p>
<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p>(sé) BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p> <p>(sé) BUSINGYE Johnston Ministry of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p>(sé) BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>